

MUKARUREMA EMBERITA
INTARA Y'IBURENGERAZUBA
AKARERE KA RUBAVU
UMURENCE WA RUGERERO
AKAGARI KA GISA
UMUDUGUDU WA NDOBOGO
TEL. 0782098235

Ndobogo kuwa 31/10/2013

DISTRICT DE RUBAVU
SECRETARIAT CENTRAL
RECEPTION LG..... 31 OCT 2013

Bwana Muyobozi w'Akarere ka
RUBAVU.

IMPAMVU: KUMENYESHA

Bwana Muyobozi,

Nejewe no kubandikira iyi baruwa ngira ngo mbamenyeshe ko ku itariki ya 25/10/2013 umugabo wanjye witwa KAYIHURA MUSSA CHRISOLOGUE yabuze ahamagajwe na Numero ya Telefone atazi. Ariko tariki 23/10/2013 Umuyobozi w'Umudugudu wa NDOBOGO yampaye Inomero ya Telefone itagira isina ngo nyihe umugabo wanjye ayihamagare ngo uwo muntu ari kumushaka ngo amuhe akazi.

Ikimbabaje nuko nagiye k'Umuyobozi w'Umudugudu ngiye kumusaba icyo nimero ambwira ko ntayo afite mbajije uwayimuhaye ambwira ko ari uwitwa MAGARA utuye mu GISA mbajije MAGARA, nawe ambwira ko yayihawe n'umuntu atazi, bakomeze kunjijisha batyo.

Akaba ariyo mpanvu mbibamenyesheje kugira ngo mufashe kubikorera iperereza kuko kugeza ubu ataraboneka.

Murakoze.

MUKARUREMA EMBERITA

BIMENYESHEJWE:

- Ukuriye Ingabo mu Karere ka RUBAVU.
- Ukuriye Police mu Karere ka RUBAVU
- STATION POLICE GISENYI
- Ibiro bishinzwe iperereza mu Karere ka RUBAVU.
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa RUGERERO.
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka GISA.

Received at Bde Ha on 31/10/2013
By Lt Jean Felix NIYONKURU

Vu le 31/10/2013

Vu le 04/11/2013

